REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

ACADÉMIE DU PATRIMOINE CULTUREL DU RWANDA

# ITANGAZO RY'AMARUSHANWA Y'ABAHANZI BA MUZIKA BAKORESHA NEZA IKINYARWANDA

Mu rwego rwo gushishikariza abahanzi ba muzika gukomeza kubungabunga ururimi rw' Ikinyarwanda n'umuco w'u Rwanda, **ku Munsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire uzaba tariki ya 21 Gashyantare 2023**, Inteko y'Umuco izashimira **abahanzi ba muzika** bazaba bagaragaje ko bafasha mu gusigasira no guteza imbere Ikinyarwanda n'Umuco w'u Rwanda mu buhanzi bwabo.

## 1. ABAZASHIMIRWA:

Abahanzi babiri ba muzika bagize uruhare mu guteza imbere Ikinyarwanda n'umuco w'u Rwanda bigaragarira mu ndirimbo zabo.

## 2. IBIZAGENDERWAHO:

a) Kuba ari Umunyarwanda;

b) Umuhanzi wa muzika agomba kuba amaze imyaka nibura ibiri ahanga mu Kinyarwanda kandi indirimbo ze zinyura mu bitangazamakuru binyuranye;

c) Indirimbo igomba kuba ari umwimerere w'umuhanzi atari ugusubiramo iz'abandi;

d) Indirimbo z'umuhanzi zigomba kuba zikoresha Ikinyarwanda kinoze kandi zitarimo imvugo zitokoza umuco n'indangagaciro by'u Rwanda;

e) Umuhanzi agomba kuba aririmba ku giti cye, ariko ufite abamufasha n'ibicurangisho akoresha na byo biremewe;

f) Kuba afite nibura indirimbo imwe yatangaje mu mwaka wa 2022 cyangwa uwa 2023 byaba ari akarusho.

## 3. INGENGABIHE N'UBURYO BWO KOHEREZA INDIRIMBO:

Indirimbo mu majwi cyangwa mu majwi n'amashusho zizohererezwa *Inteko y'Umuco* **bitarenze ku wa 10 Mutarama 2023** mu buryo bw'ikoranabuhanga hatangwa umurongo "links" (Youtube, Sound Cloud,...) w'indirimbo eshanu (5) kuri aderesi zikurikira: info@rwandaheritage.gov.rw na ymurego@rwaheritage.gov.rw / jniyomugaba@rwandaheritage.gov.rw. Hagomba kandi koherezwa inyandiko ya buri ndirimbo (*lyrics*) n'umwirondoro mugufi (CV) wa nyirayo.

## 4. ISHIMWE:

Ku ikubitiro hazatoranywa abahanzi 5 bazavanwamo 2 bahize abandi. Babiri batoranyijwe, bazashimirwa buri wese **agenerwa icyemezo cy'ishimwe n'agahimbazamusyi gafite agaciro k'amafaranga ibihumbi magana atanu y'u Rwanda (500.000FRW), akazaterwa kandi inkunga ya miriyoni imwe n'igice y'amafaranga y'u Rwanda (1,500,000 FRW) azamufasha mu kwagura ubuhanzi bwe ahanga indirimbo nshya mu majwi n'amashusho ku muco n'umurage by'u Rwanda**. Inteko y'Umuco n'abahanzi b'izo ndirimbo ebyiri bazagirana amasezerano y'imikoreshereze y'ibyo bihangano byatewe inkunga. Abahanzi 3 bandi na bo buri wese azagenerwa ishimwe.

Bikorewe i Huye, ku wa 09 Ugushyingo 2022

RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY (RCHA)

**Amb. Robert MASOZERA,**
**Intebe y'Inteko/Inteko y'umuco**